



Umwaka wa 63
Igazeti ya Leta n° Idasanzwe
yo ku wa 12/03/2024

Year 63
Official Gazette n° Special of
12/03/2024

63^{ème} Année
Journal Officiel n° Spécial du
12/03/2024

Ibirimo/Summary/Sommaire

page/urup.

Iteka rya Perezida/Presidential Order/ Arrêté Présidentiel

Iteka rya Perezida n° 045/01 ryo ku wa 08/03/2024 rigenga Ikigo cy'Igihugu gishinzwe
Igororamuco.....2

Presidential Order n° 045/01 of 08/03/2024 governing National Rehabilitation
Service.....2

Arrêté Présidentiel n° 045/01 du 08/03/2024 régissant le Service National de
Réhabilitation.....2

ITEKA RYA PEREZIDA N° 045/01 RYO KU WA 08/03/2024 RIGENGA IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE IGORORAMUCO <u>ISHAKIRO</u> <u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u> <u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri teka rigamije <u>Ingingo ya 2:</u> Isobanura <u>Ingingo ya 3:</u> Icyiciro <u>Ingingo ya 4:</u> Urwego rureberera NRS <u>Ingingo ya 5:</u> Icyicaro <u>UMUTWE WA II: INTEGO N'INSHINGANO</u> <u>Ingingo ya 6:</u> Intego <u>Ingingo ya 7:</u> Inshingano <u>UMUTWE WA III: IMITERERE N'IMIKORERE</u>	PRESIDENTIAL ORDER N° 045/01 OF 08/03/2024 GOVERNING NATIONAL REHABILITATION SERVICE <u>TABLE OF CONTENTS</u> <u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u> <u>Article One:</u> Purpose of this Order <u>Article 2:</u> Interpretation <u>Article 3:</u> Category <u>Article 4:</u> Supervising authority of the NRS <u>Article 5:</u> Head office <u>CHAPTER II: MISSION AND RESPONSIBILITIES</u> <u>Article 6:</u> Mission <u>Article 7:</u> Responsibilities <u>CHAPTER III: ORGANISATION AND FUNCTIONING</u>	ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 045/01 DU 08/03/2024 RÉGISSANT LE SERVICE NATIONAL DE RÉHABILITATION <u>TABLE DES MATIÈRES</u> <u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u> <u>Article premier:</u> Objet du présent arrêté <u>Article 2:</u> Interprétation <u>Article 3:</u> Catégorie <u>Article 4:</u> Autorité de tutelle du NRS <u>Article 5:</u> Siège <u>CHAPITRE II: MISSION ET ATTRIBUTIONS</u> <u>Article 6:</u> Mission <u>Article 7:</u> Attributions <u>CHAPITRE III: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT</u>
---	---	--

<u>Ingingo ya 8:</u> Inzego <u>Icyiciro cya mbere:</u> Inama y’Ubuyobozi <u>Ingingo ya 9:</u> Abagize Inamay’Ubuyobozi na manda yabo <u>Ingingo ya 10:</u> Inshingano z’inyongera z’Inama y’Ubuyobozi <u>Ingingo ya 11:</u> Ububasha bw’Inama y’Ubuyobozi <u>Ingingo ya 12:</u> Inshingano za Perezida w’Inama y’Ubuyobozi <u>Ingingo ya 13:</u> Inshingano za Visi Perezida w’Inama y’Ubuyobozi <u>Ingingo ya 14:</u> Impamvu zituma ugize Inama y’Ubuyobozi ava mu mwanya n’uko asimburwa <u>Ingingo ya 15:</u> Kumenyekanisha ugize Inama y’Ubuyobozi ugiye kurangiza manda <u>Ingingo ya 16:</u> Itumizwa n’iterana by’inama y’Inama y’Ubuyobozi n’ifatwa ry’ibyemezo	<u>Article 8:</u> Organs <u>Section One:</u> Board of Directors <u>Article 9:</u> Composition of the Board of Directors and term of office <u>Article 10:</u> Additional responsibilities of the Board of Directors <u>Article 11:</u> Powers of the Board of Directors <u>Article 12:</u> Duties of the Chairperson of the Board of Directors <u>Article 13:</u> Duties of the Vice- Chairperson of the Board of Directors <u>Article 14:</u> Reasons for loss of membership of the Board of Directors and modalities for replacement <u>Article 15:</u> Notification of a member of the Board of Directors whose term of office is about to expire <u>Article 16:</u> Convening and holding of meeting of the Board of Directors and modalities for decision-making	<u>Article 8:</u> Organes <u>Section première:</u> Conseil d’Administration <u>Article 9:</u> Composition du Conseil d’Administration et mandat <u>Article 10:</u> Attributions additionnelles du Conseil d’Administration <u>Article 11:</u> Pouvoirs du Conseil d’Administration <u>Article 12:</u> Attributions du Président du Conseil d’Administration <u>Article 13:</u> Attributions du Vice-Président du Conseil d’Administration <u>Article 14:</u> Motifs de perte de la qualité de membre du Conseil d’Administration et modalités de remplacement <u>Article 15:</u> Notification d’un membre du Conseil d’Administration dont le mandat est sur le point d’expirer <u>Article 16:</u> Convocation et tenue de la réunion du Conseil d’Administration et modalités de prise de décisions
---	---	--

<u>Ingingo ya 17:</u> Itumira ry’undi muntu mu nama y’Inama y’Ubuyobozi	<u>Article 17:</u> Invitation of a resource person to the meeting of the Board of Directors	<u>Article 17:</u> Invitation d’une personne ressource à la réunion du Conseil d’Administration
<u>Ingingo ya 18:</u> Iyemezwa ry’ibyemezo n’iry’inyandiko mvugo by’inamay’Inama y’Ubuyobozi	<u>Article 18:</u> Approval of resolutions and minutes of the meeting of the Board of Directors	<u>Article 18:</u> Approbation des résolutions et du procès-verbal de la réunion du Conseil d’Administration
<u>Ingingo ya 19:</u> Umwanditsi w’inama y’Inama y’Ubuyobozi	<u>Article 19:</u> Rapporteur of the meeting of the Board of Directors	<u>Article 19:</u> Rapporteur de la réunion du Conseil d’Administration
<u>Ingingo ya 20:</u> Inyungu bwite mu bibazo bisuzumwa	<u>Article 20:</u> Personal interest in issues on the agenda	<u>Article 20:</u> Intérêt personnel dans les points à l’ordre du jour
<u>Icyiciro cya 2:</u> Urwego Nshingwabikorwa	<u>Section 2:</u> Executive Organ	<u>Section 2:</u> Organe Exécutif
<u>Ingingo ya 21:</u> Abagize Urwego Nshingwabikorwa	<u>Article 21:</u> Composition of the Executive Organ	<u>Article 21:</u> Composition de l’Organe Exécutif
<u>Ingingo ya 22:</u> Inshingano z’inyongera z’Urwego Nshingwabikorwa	<u>Article 22:</u> Additional responsibilities of the Executive Organ	<u>Article 22:</u> Attributions additionnelles de l’Organe Exécutif
<u>Ingingo ya 23:</u> Ububasha n’inshingano by’Umuyobozi Mukuru	<u>Article 23:</u> Powers and duties of the Director General	<u>Article 23:</u> Pouvoirs et attributions du Directeur Général
<u>Ingingo ya 24:</u> Inshingano z’Umuyobozi Mukuru Wungirije	<u>Article 24:</u> Duties of the Deputy Director General	<u>Article 24:</u> Attributions du Directeur Général Adjoint
<u>UMUTWE WA IV:</u> UMUTUNGO N’IMARI	<u>CHAPTER IV:</u> PROPERTY AND FINANCE	<u>CHAPITRE IV:</u> PATRIMOINE ET FINANCES

<u>Ingingo ya 25:</u> Umutungo n’inkomoko yawo	<u>Article 25:</u> Property and its sources	<u>Article 25:</u> Patrimoine et ses sources
<u>Ingingo ya 26:</u> Ingingo y’imari	<u>Article 26:</u> Budget	<u>Article 26:</u> Budget
<u>UMUTWE WA V:</u> INGINGO ZISOZA	<u>CHAPTER V:</u> FINAL PROVISIONS	<u>CHAPITRE V:</u> DISPOSITIONS FINALES
<u>Ingingo ya 27:</u> Abayobozi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka	<u>Article 27:</u> Authorities responsible for the implementation of this Order	<u>Article 27:</u> Autorités chargées del’exécution du présent arrêté
<u>Ingingo ya 28:</u> Ingingo y’ururimi	<u>Article 28:</u> Language provision	<u>Article 28:</u> Disposition linguistique
<u>Ingingo ya 29:</u> Gutangira gukurikizwa	<u>Article 29:</u> Entry into force	<u>Article 29:</u> Entrée en vigueur

Official Gazette n° Special of 12/03/2024

ITEKA RYA PEREZIDA N° 045/01 RYO KU WA 08/03/2024 RIGENGA IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE IGORORAMUCO Twebwe, KAGAME Paul, Perezida wa Repubulika; Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda; Dushingiye ku Itegeko Ngenga n° 001/2020.OL ryo ku wa 08/06/2020 rishyiraho amategeko rusange agenga ibigo bya Leta, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 4; Bisabwe na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo; Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 20/10/2023 imaze kubisuzuma no kubyemeza; DUTEGETSE <u>UMUTWE WA MBERE:</u> INGINGO RUSANGE	PRESIDENTIAL ORDER N° 045/01.OF 08/03/2024 GOVERNING NATIONAL REHABILITATION SERVICE We, KAGAME Paul, President of the Republic; Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda; Pursuant to Organic Law n° 001/2020.OL of 08/06/2020 establishing general provisions governing public institutions, especially in Article 4; On proposal by the Minister of Public Service and Labour; After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 20/10/2023; DO ORDER: <u>CHAPTER ONE:</u> GENERAL PROVISIONS	ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 045/01 DU 08/03/2024 RÉGISSANT LE SERVICE NATIONAL DE RÉHABILITATION Nous, KAGAME Paul, Président de la République; Vu la Constitution de la République du Rwanda; Vu la loi Organique n° 001/2020.OL du 08/06/2020 portant dispositions générales régissant les établissements publics, spécialement en son article 4; Sur proposition du Ministre de la Fonction Publique et du Travail; Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 20/10/2023; ARRÊTONS : <u>CHAPITRE PREMIER :</u> DISPOSITIONS GÉNÉRALES
--	---	--

<u>Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije</u> Iri teka rigena intego, inshingano, imiterere n'imikorere by'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Igororamuco, cyitwa « NRS » mu magambo ahinnye y'Icyongereza. <u>Ingingo ya 2: Isobanura</u> Muri iri teka: (a) « igororamuco » bivuga uburyo bwo kugarura mu nzira nziza, binyuze mu bujyanama bugamije guhindura imyitwarire n'imitekerereze, mu mahugurwa, mu burere no mu bumenyi bihabwa umuntu ukora ibikorwa cyangwa ufite imyitwarire bibangamira abaturage; (b) « ikigo ngororamuco » bivuga ahantu hagenewe ibikorwa by'igororamuco, binyuze mu gutanga uburere n'ubumenyi ku muntu ukora ibikorwa cyangwa ufite imyitwarire bibangamira abaturage; (c) « ikigo cy'igororamuco ry'ibanze » bivuga ahantu hagenewe ibikorwa by'igororamuco, binyuze mu bujyanama bugamije guhindura	<u>Article One: Purpose of this Order</u> This Order determines mission, responsibilities, organisation and functioning of the National Rehabilitation Service, abbreviated as “NRS” in English. <u>Article 2: Interpretation</u> In this Order: (a) “rehabilitation” means a process of restoration through psychosocial support, training, values and vocational skills for a person exhibiting delinquent acts or behaviours; (b) “rehabilitation centre” means a place where rehabilitation is conducted, through values and vocational skills for a person exhibiting delinquent acts and behaviours; (c) “preliminary rehabilitation centre” means a place where short-term rehabilitation is conducted, through psychosocial support and training for	<u>Article premier : Objet du présent arrêté</u> Le présent arrêté détermine la mission, les attributions, l'organisation et le fonctionnement du Service National de Réhabilitation, ci-après dénommé « NRS » en sigle anglais. <u>Article 2 : Interprétation</u> Dans le présent arrêté : (a) « réhabilitation » signifie un processus de redressement à travers le soutien psychosocial, la formation, des valeurs et la formation professionnelle pour une personne ayant des actes ou des comportements délinquants ; (b) « centre de réhabilitation » signifie un endroit réservé à la réhabilitation, à travers des valeurs et la formation professionnelle, d'une personne ayant des actes et des comportements délinquants ; (c) « centre de réhabilitation préliminaire » signifie un endroit réservé à la réhabilitation, à travers le soutien psychosocial et la formation à
--	--	--

imytwarire n'imitekerereze, no mu mahugurwa by'igihe gito ku muntu ukora ibikorwa cyangwa ufite imytwarire bibangamira abaturage. <u>Ingingo ya 3: Icyiciro</u> NRS iri mu cyiciro cy'ibigo bya Leta bikora imirimo itari iy'ubucuruzi. <u>Ingingo ya 4: Urwego rureberera NRS</u> NRS irebererwa na minisiteri ifite imibereho myiza mu nshingano. <u>Ingingo ya 5: Icyicar</u> (1) Icyicar cya NRS kiri mu Karere ka Karongi, Intara y'Ubugerazuba. Gishobora kwimurirwa ahandi mu Rwanda, igihe bibaye ngombwa, byemejwe n'Inama y'Abaminisitiri. (2) NRS ishobora kugira amashami ahandi mu Gihugu bibaye ngombwa, kugira ngo igere ku nshingano zayo, byemejwe na minisiteri ifite imibereho myiza mu nshingano.	a person exhibiting delinquent acts or behaviours. <u>Article 3: Category</u> The NRS falls within the category of non-commercial public institutions. <u>Article 4: Supervising authority of the NRS</u> The NRS is under the supervision of the ministry in charge of social affairs. <u>Article 5: Head office</u> (1) The head office of the NRS is located in Karongi District, Western Province. It may be relocated elsewhere on the territory of Rwanda if considered necessary, upon approval by the Cabinet meeting. (2) The NRS may have branches elsewhere in the country if considered necessary in order to fulfill its responsibilities, upon approval by the ministry in charge of social affairs.	court terme, d'une personne ayant des actes ou des comportements délinquants. <u>Article 3 : Catégorie</u> Le NRS rentre dans la catégorie des établissements publics à caractère non commercial. <u>Article 4 : Autorité de tutelle du NRS</u> Le NRS est placé sous la tutelle du ministère ayant les affaires sociales dans ses attributions. <u>Article 5 : Siège</u> (1) Le siège du NRS est établi dans le District de Karongi, Province de l'Ouest. Il peut être transféré à un autre lieu du territoire du Rwanda, en cas de besoin, sur approbation du Conseil des Ministres. (2) Le NRS peut avoir des branches en tout autre lieu du territoire national, en cas de besoin, pour accomplir ses attributions, sur approbation du ministère ayant les affaires sociales dans ses attributions.
--	---	--

UMUTWE WA II: INTEGO N'INSHINGANO	CHAPTER II: MISSION AND RESPONSIBILITIES	CHAPITRE II : MISSION ET ATTRIBUTIONS
<u>Ingingo ya 6: Intego</u> Intego ya NRS ni ukugarura mu nzira nziza abantu bagaragaza imyitwarire ibangamira abaturage, binyujijwe mu kubigisha imyitwarire myiza, mu kubaha uburere, ubumenyi n'ubumenyingiro no mu gukurikirana uko abarangije igororamuco basubizwa mu buzima busanzwe. <u>Ingingo ya 7: Inshingano</u> NRS ifite inshingano zikurikira: (a) gutegura gahunda zo kuvura hakoreshejwe ibiganiro, kwigisha indangagaciro n'ubumenyingiro mu bigo ngororamuco; (b) guhuza ibikorwa by'ibigo ngororamuco; (c) gushyiraho gahunda z'igororamuco zigenewe ibigo by'igororamuco by'ibanze no gukurikirana uko zishyirwa mu bikorwa;	<u>Article 6: Mission</u> The mission of the NRS is to restore persons exhibiting delinquent behaviours by instilling positive behaviours, educating them, providing them with vocational skills, and monitoring their reintegration process after rehabilitation. <u>Article 7: Responsibilities</u> The NRS has the following responsibilities: (a) to develop psychotherapy, values-building and vocational skills programs for rehabilitation centres; (b) to coordinate activities of rehabilitation centres; (c) to develop rehabilitation programs for preliminary rehabilitation centres and monitor their implementation;	<u>Article 6 : Mission</u> La mission du NRS est de redresser les personnes présentant des comportements délinquants en leur inculquant des comportements positifs, en les éduquant, en leur fournissant des compétences professionnelles et en assurant le suivi du processus de leur réintégration après la réhabilitation. <u>Article 7 : Attributions</u> Le NRS a les attributions suivantes : (a) développer des programmes de psychothérapie, de renforcement des valeurs et des compétences professionnelles pour les centres de réhabilitation ; (b) coordonner les activités des centres de réhabilitation ; (c) élaborer des programmes de réhabilitation pour les centres de réhabilitation préliminaire et assurer le suivi de leur mise en œuvre ;

(d) kugira inama Guverinoma ku ngamba zigamije gukumira imyitwarire ibangamira abaturage; (e) gutegura gahunda zihariye z'imibereho myiza n'ubukungu zo gusubiza mu buzima busanzwe abakorewe igororamuco no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ryazo; (f) gukora ubushakashatsi bugamije kumenya impamvu zitera imyitwarire ibangamira abaturage n'ingamba zo kuyikumira; (g) gukorana n'izindi nzego bihujwe intego; (h) gushyikiriza minisiteri ifite imibereho myiza mu nshingano raporo y'ibikorwa no kugenera kopi minisiteri ifite umutekano mu Gihugu mu nshingano. <u>UMUTWE WA III: IMITERERE N'IMIKORERE</u> <u>Ingingo ya 8: Inzego</u> Inzego z'ubuyobozi za NRS ni izi zikurikira:	(d) to advise the Government on preventive measures for delinquent behaviours; (e) to develop individual programs for socio-economic reintegration of rehabilitated persons and monitor their implementation; (f) to conduct research on the causes of delinquent behaviours and recommend preventive measures; (g) to collaborate with other organs having similar mission; (h) to submit an activity report to the ministry in charge of social affairs with a copy to the ministry in charge of internal security. <u>CHAPTER III: ORGANISATION AND FUNCTIONING</u> <u>Article 8: Organs</u> The management organs of the NRS are the following:	(d) donner conseil au Gouvernement sur les mesures de prévention des comportements délinquants ; (e) élaborer des programmes individuels de réintégration socio-économique des personnes réhabilitées et faire le suivi de leur mise en œuvre ; (f) mener des recherches sur les causes des comportements délinquants et recommander des mesures préventives; (g) collaborer avec d'autres organes ayant la même mission ; (h) faire le rapport d'activités au ministère ayant les affaires sociales dans ses attributions avec copie au ministère ayant la sécurité intérieure dans ses attributions. <u>CHAPITRE III : ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT</u> <u>Article 8 : Organes</u> Les organes de direction du NRS sont les suivants :
--	---	--

(a) Inama y'Ubuyobozi; (b) Urwego Nshingwabikorwa. <u>Icyiciro cya mbere: Inama y'Ubuyobozi</u> <u>Ingingo ya 9: Abagize Inamay'Ubuyobozi na manda yabo</u> (1) Inama y'Ubuyobozi ya NRS igizwe n'abantu barindwi. (2) Abagize Inama y'Ubuyobozi bagira manda y'imyaka itanu ishobora kongerwa inshuro imwe. <u>Ingingo ya 10: Inshingano z'inyongera z'Inama y'Ubuyobozi</u> Haseguriwe ibiteganywa n'Itegeko Ngenga rishyiraho amategeko rusange agenga ibigo bya Leta, Inama y'Ubuyobozi ya NRS ifite inshingano z'inyongera zikurikira: (a) kwemeza imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya NRS no gukurikirana ishyingirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari; (b) gutanga raporo y'ibikorwa y'igihembwe n'iy'umwaka kuri	(a) Board of Directors; (b) Executive Organ. <u>Section One: Board of Directors</u> <u>Article 9: Composition of the Board of Directors and term of office</u> (1) The Board of Directors of the NRS is composed of seven members. (2) Members of the Board of Directors serve a term of office of five years renewable once. <u>Article 10: Additional responsibilities of the Board of Directors</u> Subject to the provisions of the Organic Law establishing general provisions governing public institutions, the Board of Directors of the NRS has the following additional responsibilities: (a) to approve the draft budget proposal of the NRS and make a follow-up on the budget execution; (b) to submit quarterly and annual activity reports to the ministry in	(a) le Conseil d'Administration; (b) l'Organe Exécutif. <u>Section première: Conseil d'Administration</u> <u>Article 9 : Composition du Conseil d'Administration et mandat</u> (1) Le Conseil d'Administration du NRS est composé de sept membres. (2) Les membres du Conseil d'Administration ont un mandat de cinq ans renouvelable une fois. <u>Article 10 : Attributions additionnelles du Conseil d'Administration</u> Sous réserve des dispositions de la Loi Organique portant dispositions générales régissant les établissements publics, le Conseil d'Administration du NRS a les attributions additionnelles suivantes : (a) approuver l'avant-projet du budget du NRS et assurer le suivi de l'exécution du budget ; (b) soumettre des rapports d'activités trimestriel et annuel au ministère ayant
---	---	---

minisiteri ifite imibereho myiza mu nshingano na kopi yayo kuri ministeri ifite umutekano mu Gihugu mu nshingano; (c) gufata ibyemezo ku kindi kibazo cyose kiri mu nshingano za NRS. <u>Ingingo ya 11: Ububasha bw’Inama y’Ubuyobozi</u> Inama y’Ubuyobozi ya NRS ni rwo rwego ruyobora kandi rufata ibyemezo. Ifite ububasha busesuye bwo gufata ibyemezo mu byerekeye ubuyobozi, abakozi n’umutungo bya NRS hakurikijwe amategeko abigenga. <u>Ingingo ya 12: Inshingano za Perezida w’Inama y’Ubuyobozi</u> Perezida w’Inama y’Ubuyobozi ya NRS afite inshingano zikurikira: (a) guhuza ibikorwa by’Inama y’Ubuyobozi; (b) gutumiza no kuyobora inama z’Inama y’Ubuyobozi; (c) gushyikiriza inyandiko mvugo	charge of social affairs with a copy to the ministry in charge of internal security; (c) to decide on any other matter falling within the responsibilities of the NRS. <u>Article 11: Powers of the Board of Directors</u> The Board of Directors of the NRS is the supreme management and decision-making organ. It is vested with extensive powers to make decisions regarding administration, human resources and the property of the NRS in accordance with relevant laws. <u>Article 12: Duties of the Chairperson of the Board of Directors</u> The Chairperson of the Board of Directors of the NRS has the following duties: (a) to coordinate activities of the Board of Directors; (b) to convene and preside over meetings of the Board of Directors; (c) to submit minutes of meetings of the	les affaires sociales dans ses attributions avec copie au ministère ayant la sécurité intérieure dans ses attributions; (c) décider de toute autre matière relevant des attributions du NRS. <u>Article 11 : Pouvoirs du Conseil d’Administration</u> Le Conseil d’Administration du NRS est l’organe suprême de direction et de prise de décisions. Il est investi des pouvoirs étendus en ce qui concerne l’administration, les ressources humaines et le patrimoine du NRS conformément à la législation en la matière. <u>Article 12 : Attributions du Président du Conseil d’Administration</u> Le Président du Conseil d’Administration du NRS a les attributions suivantes : (a) coordonner les activités du Conseil d’Administration ; (b) convoquer et présider les réunions du Conseil d’Administration ; (c) soumettre les procès-verbaux des
--	--	---

z'inama z'Inama y'Ubuyobozi minisiteri ifite imibereho myiza mu nshingano; (d) gushyikiriza inzego bireba raporo za NRS zemejwe n'Inama y'Ubuyobozi; (e) gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inama y'Ubuyobozi; (f) gukora indi nshingano yose yahabwa n'Inama y'Ubuyobozi iri mu nshingano zayo. <u>Ingingo ya 13: Inshingano za Visi Perezida w'Inama y'Ubuyobozi</u> Visi Perezida w'Inama y'Ubuyobozi ya NRS afite inshingano zikurikira: (a) kunganira Perezida no kumusimbura igihe adahari; (b) gukora indi nshingano yose yahabwa n'Inama y'Ubuyobozi iri mu nshingano zayo.	Board of Directors to the ministry in charge of social affairs; (d) to submit to relevant organs reports of the NRS as approved by the Board of Directors; (e) to monitor the implementation of the resolutions of the Board of Directors; (f) to perform any other duty as may be assigned by the Board of Directors falling within its responsibilities. <u>Article 13: Duties of the Vice- Chairperson of the Board of Directors</u> The Vice-Chairperson of Board of Directors of the NRS has the following duties: (a) to assist the Chairperson and replace him or her in case of absence; (b) to perform any other duty as may be assigned by the Board of Directors falling within its responsibilities.	réunions du Conseil d'Administration au ministère ayant les affaires sociales dans ses attributions ; (d) soumettre aux organes concernés les rapports du NRS adoptés par le Conseil d'Administration ; (e) assurer le suivi de l'exécution des résolutions du Conseil d'Administration; (f) accomplir toute autre tâche relevant des attributions du Conseil d'Administration que ce dernier peut lui confier. <u>Article 13 : Attributions du Vice-Président du Conseil d'Administration</u> Le Vice-Président du Conseil d'Administration du NRS a les attributions suivantes : (a) assister le Président et le remplacer en cas d'absence ; (b) accomplir toute autre tâche relevant des attributions du Conseil d'Administration que ce dernier peut lui confier.
---	---	---

<u>Ingingo ya 14: Impamvu zituma ugize Inama y'Ubuyobozi ava mu mwanya n'uko asimburwa</u>	<u>Article 14: Reasons for loss of membership of the Board of Directors and modalities for replacement</u>	<u>Article 14 : Motifs de perte de la qualité de membre du Conseil d'Administration et modalités de remplacement</u>
(1) Ugize Inama y'Ubuyobozi ya NRS ava mu mwanya iyo – (a) manda ye irangiye; (b) yeguye akoresheje inyandiko; (c) atagishoboye gukora imirimo ye kubera uburwayi cyangwa ubumuga byemejwe n'umuganga wemewe na Leta; (d) akatiwe igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu mu rubanza rwabaye ndakuka; (e) asibye inama inshuro eshatu zikurikirana nta mpamvu zifite ishingiro; (f) agaragaje imyitwarire iyo ari yo yose yamutesha agaciro cyangwa yatesha agaciro umurimo akora cyangwa urwego arimo;	(1) A member of the Board of Directors of NRS loses membership if – (a) his or her term of office expires; (b) he or she resigns in writing; (c) he or she is no longer able to perform his or her duties due to illness or disability certified by an authorised medical doctor; (d) he or she is sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six months in a judgement rendered in last instance; (e) he or she is absent in meetings for three consecutive times without valid reasons; (f) he or she manifests any behaviour likely to compromise his or her dignity, that of his or her work or his or her position;	(1) Un membre du Conseil d'Administration du NRS cesse d'être membre lorsque – (a) son mandat expire ; (b) il démissionne par écrit ; (c) il n'est plus en mesure de remplir ses fonctions pour cause de maladie ou d'handicap constaté par un médecin agréé ; (d) il est condamné à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six mois dans un jugement rendu en dernier ressort ; (e) il s'absente des réunions trois fois consécutives sans motifs valables ; (f) il manifeste tout comportement susceptible de compromettre sa dignité, celle de sa fonction ou de son rang ;

(g) abangamira inyungu za NRS; (h) atacyujuje impamvu zashingiweho ashyirwa muri uwo mwanya; (i) cyangwa apfuye. (2) Iyo umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi ya NRS avuye mu mwanya mbere y'uko manda ye irangira, urwego rubifitiye ububasha rushyiraho umusimbura, akarangiza manda y'uwo asimbuye. <u>Ingingo ya 15: Kumenyekanisha ugize Inama y'Ubuyobozi ugiye kurangiza manda</u> Iyo hari ugize Inama y'Ubuyobozi ya NRS ugiye kurangiza manda, Umuyobozi Mukuru wa NRS abimenyesha mu nyandiko minisiteri ifite imibereho myiza mu nshingano, hasigaye nibura iminsi 90 ngo manda irangire.	(g) he or she jeopardizes the interests of the NRS; (h) he or she no longer fulfils the requirements considered at the time of his or her appointment; or (i) he or she dies. (2) In case a member of the Board of Directors of the NRS ceases to be a member before the expiration of his or her term of office, the competent authority appoints his or her substitute to complete his or her predecessor's term of office. <u>Article 15: Notification of a member of the Board of Directors whose term of office is about to expire</u> In case there is a member of the Board of Directors of the NRS whose term of office is about to expire, the Director General of the NRS notifies in writing the ministry in charge of social affairs, at least 90 days before the expiry of the term of office.	(g) il compromet les intérêts du NRS; (h) il ne remplit plus les conditions sur la base desquelles il avait été nommé ; ou (i) il décède. (2) Lorsqu'un membre du Conseil d'Administration du NRS cesse d'être membre avant l'expiration de son mandat, l'autorité compétente nomme son remplaçant pour terminer le mandat de son prédécesseur. <u>Article 15 : Notification d'un membre du Conseil d'Administration dont le mandat est sur le point d'expirer</u> Lorsqu'il y a un membre du Conseil d'Administration du NRS dont le mandat est sur le point d'expirer, le Directeur Général du NRS le notifie par écrit au ministère ayant les affaires sociales dans ses attributions, au moins 90 jours avant la fin du mandat.
--	--	--

<u>Ingingo ya 16: Itumizwa n'iterana by'inama y'Inama y'Ubuyobozi n'ifatwa ry'ibyemezo</u> (1) Inama y'Inama y'Ubuyobozi ya NRS iterana rimwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa itumijwe na Perezida wayo cyangwa Visi Perezida igihe Perezida adahari, babyibwirije cyangwa bisabwe mu nyandiko nibura na kimwe cya gatatu cy'abayigize. (2) Ubutumire na gahunda by'inama y'Inama y'Ubuyobozi ya NRS bikorwa mu nyandiko ishyikirizwa abagize Inama y'Ubuyobozi hasigaye nibura iminsi 15 ngo inama iterane. (3) Buri gihembwe, Inama y'Ubuyobozi ya NRS isuzuma raporo y'imari n'iy'ibikorwa by'igihembwe kirangiye kandi ikazishyikiriza minisiteri ifite imibereho myiza mu nshingano. (4) Icyakora, inama idasanzwe y'Inama y'Ubuyobozi ya NRS itumizwa mu nyandiko hasigaye nibura iminsi itatu kugira ngo iterane.	<u>Article 16: Convening and holding of meeting of the Board of Directors and modalities for decision-making</u> (1) The meeting of the Board of Directors of the NRS is held once a quarter and whenever necessary upon invitation by its Chairperson or Vice-Chairperson in case of absence of its Chairperson, at their own initiative or upon request in writing by at least one third of its members. (2) The invitation and agenda of the meeting of the Board of Directors of the NRS are submitted in writing to the members of the Board of Directors at least 15 days before the meeting is held. (3) Each quarter, the Board of Directors of the NRS examines the financial and activity reports of the previous quarter and submits them to the ministry in charge of social affairs. (4) However, an extraordinary meeting of the Board of Directors of the NRS is convened in writing at least three days before the meeting is held.	<u>Article 16 : Convocation et tenue de la réunion du Conseil d'Administration et modalités de prise de décisions</u> (1) La réunion du Conseil d'Administration du NRS se tient une fois par trimestre et chaque fois que de besoin, sur convocation de son Président ou de son Vice-Président en cas d'absence de son Président, de leur propre initiative ou à la demande écrite par un tiers au moins de ses membres. (2) L'invitation et l'ordre du jour de la réunion du Conseil d'Administration sont adressés par écrit aux membres du Conseil d'Administration au moins 15 jours avant la tenue de la réunion. (3) Chaque trimestre, le Conseil d'Administration du NRS examine le rapport financier et celui d'activités du trimestre précédent et les soumet au ministère ayant les affaires sociales dans ses attributions. (4) Toutefois, une réunion extraordinaire du Conseil d'Administration est convoquée par écrit au moins trois jours avant la tenue de la réunion.
---	---	--

(5) Mu byigwa n’Inama y’Ubuyobozi ya NRS mu gihembwe cya mbere cy’umwaka, harimo kwemeza raporo y’imari n’iy’ibikorwa by’umwaka urangiye. (6) Umubare wa ngombwa kugira ngo inama y’Inama y’Ubuyobozi ya NRS iterane ni bibiri bya gatatu. (7) Umuyobozi Mukuru wa NRS yitabira inama z’Inama y’Ubuyobozi. (8) Uburyo Inama y’Ubuyobozi ifatamo ibyemezo buteganywa n’amategeko ngengamikorere ya NRS. <u>Ingingo ya 17: Itumira ry’undi muntu mu nama y’Inama y’Ubuyobozi</u> (1) Inama y’Ubuyobozi ya NRS ishobora gutumira mu nama yayo undi muntu ibona ko ashobora kuyungura inama ku ngingo iri ku murongo w’ibygwa. (2) Uwatumiwe ntiyemerewe gutora no gukurikirana iyigwa ry’izindi ngingo ziri ku murongo w’ibygwa.	(5) Items to be considered by the Board of Directors of the NRS in the first quarter of the year include the approval of the financial and activity reports of the previous year. (6) The quorum for the meeting of the Board of Directors of the NRS is two thirds of its members. (7) The Director General of the NRS attends meetings of the Board of Directors. (8) Modalities for decision-making by the Board of Directors are determined by Internal Rules and Regulations of the NRS. <u>Article 17: Invitation of a resource person to the meeting of the Board of Directors</u> (1) The Board of Directors of the NRS may invite in its meeting a resource person from whom it may seek advice on an item on the agenda. (2) The resource person is neither allowed to vote nor to follow debates on other items on the agenda.	(5) Sur les points à examiner par le Conseil d’Administration du NRS au cours du premier trimestre, figure l’approbation du rapport financier et du rapport d’activités de l’année précédente. (6) Le quorum de la réunion du Conseil d’Administration du NRS est de deux tiers de ses membres. (7) Le Directeur Général du NRS participe aux réunions du Conseil d’Administration. (8) Les modalités de prise de décisions par le Conseil d’Administration sont déterminées par le règlement d’ordre intérieur du NRS. <u>Article 17 : Invitation d’une personne ressource à la réunion du Conseil d’Administration</u> (1) Le Conseil d’Administration du NRS peut inviter à sa réunion une personne ressource dont il peut obtenir des conseils sur un point à l’ordre du jour. (2) La personne ressource n’est autorisée ni à voter ni à suivre les débats sur d’autres points à l’ordre du jour.
---	---	---

<u>Ingingo ya 18:</u> Iyemezwa ry'ibyemezo n'iry'inyandiko mvugo by'inamay'Inama y'Ubuyobozi (1) Ibyemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi ya NRS bishyirwaho umukono n'abayigize inama ikirangira, kopi yabyo ikohererezwa minisiteri ifite imibereho myiza mu nshingano mu gihe kitarenze iminsi itanu. (2) Inyandiko mvugo y'inama y'Inama y'Ubuyobozi ya NRS ishyirwaho umukono na Perezida n'umwanditsi wayo, ikemezwa mu nama ikurikira. Kopi y'inyandiko mvugo yoherezwa minisiteri ifite imibereho myiza mu nshingano mu gihe kitarenze iminsi 15 uhaye umunsi yemerejweho.	<u>Article 18:</u> Approval of resolutions and minutes of the meeting of the Board of Directors (1) Resolutions of the meeting of the Board of Directors of the NRS are signed by its members immediately after the end of the meeting, and a copy thereof is sent to the ministry in charge of social affairs within five days. (2) Minutes of the meeting of the Board of Directors of the NRS are signed by the Chairperson and its rapporteur and approved during the next meeting. A copy of minutes of the meeting is sent to the ministry in charge of social affairs within 15 days from the date of approval.	<u>Article 18 :</u> Approbation des résolutions et du procès-verbal de la réunion du Conseil d'Administration (1) Les résolutions de la réunion du Conseil d'Administration du NRS sont signées par ses membres immédiatement après la réunion et leur copie est transmise au ministère ayant les affaires sociales dans ses attributions endéans cinq jours. (2) Le procès-verbal de la réunion du Conseil d'Administration du NRS est signé par le Président et son rapporteur et approuvé à la séance suivante. Une copie du procès-verbal est transmise au ministère ayant les affaires sociales dans ses attributions endéans 15 jours à partir de la date de son approbation.
<u>Ingingo ya 19:</u> Umwanditsi w'inama y'Inama y'Ubuyobozi (1) Umuyobozi Mukuru wa NRS ni we mwanditsi w'inama y'Inama y'Ubuyobozi, ariko ntatora igihe cyo gufata ibyemezo. (2) Umuyobozi Mukuru wa NRS	<u>Article 19:</u> Rapporteur of the meeting of the Board of Directors (1) The Director General of the NRS serves as the rapporteur of the meeting of the Board of Directors but he or she has no right to vote in decision-making. (2) The Director General of the NRS	<u>Article 19:</u> Rapporteur de la réunion du Conseil d'Administration (1) Le Directeur Général du NRS est le rapporteur de la réunion du Conseil d'Administration mais il n'a pas le droit de voter lors de la prise des décisions. (2) Le Directeur Général du NRS ne

ntiyitabira inama ifata ibyemezo ku bibazo bimureba. Icyo gihe abitabiriye inama y'Inama y'Ubuyobozi bitoramo umwanditsi.	does not participate in the meeting that makes decisions on issues that concern him or her. In that case, members of the Board of Directors present at the meeting elect a rapporteur among themselves.	participe pas à la réunion qui prend des décisions qui le concernent. Dans ce cas, les membres du Conseil d'Administration présents à la réunion élisent un rapporteur parmi eux.
<u>Ingingo ya 20:</u> Inyungu bwite mu bibazo bisuzumwa	<u>Article 20:</u> Personal interest in issues on the agenda	<u>Article 20:</u> Intérêt personnel dans les points à l'ordre du jour
(1) Iyo uri mu bagize Inama y'Ubuyobozi ya NRS afite inyungu bwite itaziguye cyangwa iziguye mu bibazo bisuzumwa, ahita amenyesha Inama y'Ubuyobozi aho iyo nyungu ishingiyeye.	(1) A member of the Board of Directors of the NRS who has a direct or indirect personal interest in the issue to be considered, immediately informs the Board of Directors about where that interest lies.	(1) Un membre du Conseil d'Administration du NRS qui a un intérêt personnel direct ou indirect dans un point à examiner, informe immédiatement le Conseil d'Administration où cet intérêt repose.
(2) Ugize Inama y'Ubuyobozi wamenyesheje inyungu bwite afite ku kibazo cyigwa ntiyitabira inama yiga kuri icyo kibazo.	(2) A member of the Board of Directors who disclosed of his or her personal interest on the issue to be considered does not attend the meeting deliberating on that issue.	(2) Un membre du Conseil d'Administration qui a révélé son intérêt personnel dans un point à examiner ne participe pas à la réunion qui examine ce sujet.
(3) Iyo bigaragaye ko benshi cyangwa bose mu bagize Inama y'Ubuyobozi bafite inyungu bwite itaziguye cyangwa iziguye mu kibazo gisuzumwa ku buryo bidashoboka kugifataho icyemezo, icyo kibazo gishyikirizwa minisiteri ifite imibereho myiza mu nshingano ikagifataho icyemezo mu gihe	(3) If it is evident that many or all members of the Board of Directors have a direct or indirect personal interest in the issue to be considered in such a way that it is impossible to take decision on it, the issue is submitted to the ministry in charge of social affairs to decide thereon within 30 days.	(3) Lorsqu'il apparaît que beaucoup ou tous les membres du Conseil d'Administration ont un intérêt personnel direct ou indirect dans un point à examiner de sorte que la prise de décision sur ce point devienne impossible, ce point est soumis au ministère ayant les affaires sociales dans ses attributions qui prend une

cy'iminsi 30.		décision endéans 30 jours.
<u>Icyiciro cya 2: Urwego Nshingwabikorwa</u>	<u>Section 2: Executive Organ</u>	<u>Section 2 : Organe Exécutif</u>
<u>Ingingo ya 21: Abagize Urwego Nshingwabikorwa</u>	<u>Article 21: Composition of the Executive Organ</u>	<u>Article 21 : Composition de l'Organe Exécutif</u>
Urwego Nshingwabikorwa rwa NRSrugizwe n'Umuyobozi Mukuru n'Umuyobozi Mukuru Wungirije.	The Executive Organ of the NRS is composed of the Director General and the Deputy Director General.	L'Organe Exécutif du NRS est composé du Directeur Général et du Directeur Général Adjoint.
<u>Ingingo ya 22: Inshingano z'inyongera z'Urwego Nshingwabikorwa</u>	<u>Article 22: Additional responsibilities of the Executive Organ</u>	<u>Article 22 : Attributions additionnelles de l'Organe Exécutif</u>
Haseguriwe ibiteganywa n'Itegeko Ngenda rishyiraho amategeko rusange agenga ibigo bya Leta, Urwego Nshingwabikorwa rwa NRS rufite inshingano z'inyongera zikurikira:	Subject to the provisions of the Organic Law establishing general provisions governing public institutions, the Executive Organ of the NRS has the following additional responsibilities:	Sous réserve des dispositions de la Loi Organique portant dispositions générales régissant les établissements publics, l'Organe Exécutif du NRS a les attributions additionnelles suivantes :
(a) gukurikirana no guhuza ibikorwa bya buri muni bya NRS;	(a) to monitor and coordinate daily activities of the NRS;	(a) assurer le suivi et coordonner les activités quotidiennes du NRS ;
(b) gukora indi nshingano yose ijyanye n'inshingano za NRS rwahabwa n'Inama y'Ubuyobozi.	(b) to perform any other duty falling within the responsibilities of the NRS as may be assigned by the Board of Directors.	(b) accomplir toute autre tâche relevant des attributions du NRS que le Conseil d'Administration peut lui confier.
<u>Ingingo ya 23: Ububasha n'inshingano by'Umuyobozi Mukuru</u>	<u>Article 23: Powers and duties of the Director General</u>	<u>Article 23 : Pouvoirs et attributions du Directeur Général</u>
(1) Umuyobozi Mukuru wa NRS afite	(1) The Director General of the NRS	(1) Le Directeur Général du NRS dispose

ububasha bwo gufata ibyemezo mu micungire y'abakozi n'umutungo bya NRS akurikije amategeko abigenga. Ahuza kandi akayobora ibikorwa bya NRS.	has the power of decision-making in the administrative and financial management of NRS in accordance with relevant laws. He or she also coordinates and directs the activities of the NRS.	du pouvoir de prise des décisions dans la gestion administrative et financière du NRS conformément à la législation en la matière. Il coordonne et dirige également les activités du NRS.
(2) By'umwihariko, Umuyobozi Mukuru ashinzwe ibi bikurikira: (a) guhagararira NRS imbere y'amategeko no kumenyekanisha ibikorwa byayo; (b) kuba umuvugizi wa NRS; (c) kugeza raporo y'ibikorwa bya NRS ku Nama y'Ubuyobozi rimwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa; (d) gutegura no gushyikiriza Inama y'Ubuyobozi umushinga wa gahunda y'ibikorwa n'imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari izakoreshwa mu mwaka ukurikira na raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'imari y'umwaka ushize;	(2) Specifically, the Director General has the following duties: (a) to serve as the legal representative of the NRS and to publicize its activities; (b) to serve as the spokesperson of the NRS; (c) to submit to the Board of Directors the activity report of the NRS once a quarter and whenever necessary; (d) to prepare and submit to the Board of Directors a draft action plan and a budget proposal for the following fiscal year as well as the report on the execution of the budget of the previous fiscal year;	(2) En particulier, le Directeur Général a les attributions suivantes : (a) être le représentant légal du NRS et faire connaître ses activités ; (b) servir de porte-parole du NRS ; (c) transmettre au Conseil d'Administration le rapport d'activités du NRS une fois par trimestre et chaque fois que de besoin ; (d) élaborer et transmettre au Conseil d'Administration le projet du plan d'action et l'avant-projet de budget pour l'exercice suivant, ainsi que le rapport d'exécution du budget de l'exercice précédent ;

(e) gutegura umushinga w'amategeko ngengamikorere ya NRS; (f) kwemeza gahunda y'umwaka y'itangwa ry'amasoko; (g) gushyira mu bikorwa ingengo y'imari no gucunga umutungo wa NRS no gutanga raporo yabyo ku Nama y'Ubuyobozi; (h) gukora undi murimo wose yababwa n'Inama y'Ubuyobozi ujyanye n'inshingano za NRS. <u>Ingingo ya 24: Inshingano z'Umuyobozi Mukuru Wungirije</u> Umuyobozi Mukuru Wungirije wa NRS afite inshingano zikurikira: (a) kunganira Umuyobozi Mukuru no kumusimbura igihe adahari; (b) gukora undi murimo wose yababwa n'Inama y'Ubuyobozi uri mu nshingano za NRS.	(e) to prepare the draft Internal Rules and Regulations of the NRS; (f) to approve the annual procurement plan; (g) to ensure the execution of the budget and management of the property of the NRS and submit related report to the Board of Directors; (h) to perform any other duty falling within the responsibilities of the NRS as may be assigned by the Board of Directors. <u>Article 24: Duties of the Deputy Director General</u> The Deputy Director General of the NRS has the following duties: (a) to assist the Director General and replace him or her in case of absence; (b) to perform any other duty falling within the responsibilities of the NRS as may be assigned by the Board of Directors.	(e) préparer le projet de règlement d'ordre intérieur du NRS ; (f) approuver le plan annuel de passation des marchés ; (g) assurer l'exécution du budget et la gestion du patrimoine du NRS et soumettre un rapport y relatif au Conseil d'Administration ; (h) accomplir toute autre tâche relevant des attributions du NRS que le Conseil d'Administration peut lui confier. <u>Article 24 : Attributions du Directeur Général Adjoint</u> Le Directeur Général Adjoint du NRS a les attributions suivantes : (a) assister le Directeur Général et le remplacer en cas d'absence ; (b) effectuer toute autre tâche relevant des attributions du NRS que le Conseil d'Administration peut lui confier.
---	---	--

UMUTWE WA IV: UMUTUNGO N'IMARI	CHAPTER IV: PROPERTY AND FINANCE	CHAPITRE IV: PATRIMOINE ET FINANCES
<u>Ingingo ya 25:</u> Umutungo n'inkomoko yawo	<u>Article 25:</u> Property and its sources	<u>Article 25 :</u> Patrimoine et ses sources
(1) Umutungo wa NRS ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa. (2) Umutungo wa NRS ukomoka kuri ibi bikurikira: (a) ingengo y'imari igenerwa na Leta; (b) inkunga z'abafatanyabikorwa; (c) ibituruka ku mirimo NRS ikora; (d) inyungu zikomoka ku mutungo wayo; (e) inguzanyo zihabwa NRS zemewe na minisitiri ufite imari mu nshingano; (f) impano n'indangano.	(1) The property of the NRS is comprised of movable and immovable assets. (2) The property of the NRS derives from the following sources: (a) State budget allocations; (b) partners' subsidies; (c) income from services rendered by NRS; (d) interests from its property; (e) loans granted to the NRS as approved by the minister in charge of finance; (f) donations and bequests.	(1) Le patrimoine du NRS est composé de biens meubles et immeubles. (2) Le patrimoine du NRS provient des sources suivantes : (a) les allocations budgétaires de l'État; (b) les subventions des partenaires ; (c) les revenus provenant des services fournis par le NRS ; (d) les intérêts de son patrimoine ; (e) les prêts accordés au NRS approuvés par le ministre ayant les finances dans ses attributions ; (f) les dons et les legs.
<u>Ingingo ya 26:</u> Ingengo y'imari	<u>Article 26:</u> Budget	<u>Article 26 :</u> Budget
NRS itegura ingengo y'imari yayo ya buri	NRS prepares its annual budget to be adopted	Le NRS prépare son budget annuel qui est

mwaka, ikemezwa n'urwego rubifitiye ububasha. <u>UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA</u> <u>Ingingo ya 27: Abayobozi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka</u> Minisitiri w'Intebe, Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo, Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka. <u>Ingingo ya 28: Ingingo y'ururimi</u> Iri teka ryateguwe mu rurimi rw'Ikinyarwanda. <u>Ingingo ya 29: Gutangira gukurikizwa</u> Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. Agaciro karyo gahera ku wa 08/06/2022.	by the relevant authority. <u>CHAPTER V: FINAL PROVISIONS</u> <u>Article 27: Authorities responsible for the implementation of this Order</u> The Prime Minister, the Minister of Public Service and Labour, the Minister of Local Government and the Minister of Finance and Economic Planning are entrusted with the implementation of this Order. <u>Article 28: Language provision</u> This Order was drafted in Ikinyarwanda. <u>Article 29: Entry into force</u> This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. It takes effect as of 08/06/2022.	approuvé par l'autorité compétente. <u>CHAPITRE V : DISPOSITIONS FINALES</u> <u>Article 27 : Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté</u> Le Premier Ministre, le Ministre de la Fonction Publique et du Travail, le Ministre de l'Administration Locale, et le Ministre des Finances et de la Planification Économique sont chargés de l'exécution du présent arrêté. <u>Article 28 : Disposition linguistique</u> Le présent arrêté a été rédigé en Ikinyarwanda. <u>Article 29 : Entrée en vigueur</u> Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. Il sort ses effets à partir du 08/06/2022.
---	--	--

Kigali, 08/03/2024

(sé)

KAGAME Paul

Perezida wa Repubulika
President of the Republic
Président de la République

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard

Minisitiri w'Intebe
Prime Minister
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:
Seen and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel

Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux